# Ibibazo bikunze kubazwa

**Italiki:** 06.04.2020

Ibyo guheraho mu bihe by'akaga.

*Muri ibi bihe bya COVID-19, BPN irimo kukorana na ba Rwiyemezamirimo 150 ikurikirira hafi amakuru yabo. Muri iyi dokima dusubiza ibibazo byagiye bibazwa n'aba rwiyemezamirimo benshi. Tuzajya dukomeza twongeremo amakuru mashya, tunayabagezeho. Niba ufite ikibazo runaka cyangwa se igisubizo cygirira bagenzi bawe akamaro, nti ushidikanye kubimenyesha Coach wawe muli BPN.*

## *Twitware dute muri ibi bihe turimo? Dukore iki? Duhere hehe?*

Igihe cyo gufunga ibikorwa n'imipaka kubera Coronavirus cyongereweho iminsi 15. Kuli benshi ni ukuvuga ibindi byumwertu 2 more weeks bizinesi ikora bukeya cyangwa se idakora na buhoro. Umuntu yavuga ko turi mu bihe by'akaga.

**Kubungabunga ikigo n' abakozi**

Birashoboka ko uzahura n' ibigeragezo bishobora kuba byanahungabanya ubusugire bw' ikigo cyawe! Niyo mpamvu imbaraga zose zigomba gushyirwa mu kurinda no kubungabunga ikigo cyawe n' abakozi bawe. Cyane cyane wagombye gushyira imbere kwizigamira amafaranga kashi kugira ngo ikigo cyawe kidahungabana.

Bikorane ubwitonzi n'ubushishozi.



- Ese ni iki cyihutirwa ubu?
  - ✓ *gikore!*
- Ese ni iki cy' ingenzi?
  - ✓ giteganyirize!
- Ese ni iki dukora kidakenewe?
  - ✓ cyihorere!
- Ese ni iki ngomba gukora gishya? Ni izihe mpinduka zikenewe?
  - ✓ *bikore mu buryo bwubaka, ukoreshe iki gihe, ushyire mu bikorwa izo mpinduka ubu!*

Ibuka ko ari umuguzi utuma ubona imibireho. Huza ibicuruzwa na serivisi byawe n' ibyifuzo bye. Gerageza uhange udushya.

Shakira ibisubizo ibi bikurikira:

- Ese ni gute nakomeza kugira igicuruzo nsanganywe? Ese hari ubundi buryo nakoramo, amahirwe y'indi mikorere, n'ibindi?
- Ese ni gute nashyira mu bikorwa ibisabwa ku mutekano mu kazi?
- Ese ni iki gito/gike kigomba kutabura kugira ngo nshobore gukomeza gukora ubu n' ejo hazaza?
- Ese ni ayahe mafaranga muyo nsohora nshobora kugabanya cyangwa nkanayahagarika rwose?
- Ese amafaranga niteganyirije y'ingoboka angana iki kandi ni gute nayakoresha?
- Ese ni iki nagurisha mubyo ntunze ntakeneye cyane mu mibereho ya buri munsi?
- Ese ni he nakura inkunga, nk'urugero ibigo bitera inkunga, bene wacu, leta, n' ibindi?

Tuza. Wikorera ku bwoba n' igihunga.

Fata ibyemezo utekereza kuri ubu no kuri ejo hazaza.

**Amahirwe ku kigo:**

Twibukiranye ko ilbihe by' akaga byihishemo amahirwe. Reka rero dutumbere ku mahirwe muri ibi bihe by'amahina! Ibi bihe bibi bishobora kuguha ikintu wifuje igihe kirekire ukakibura: IGIHE. Koresha igihe kugira ngo ikigo cyawe kirambe ariko cyane cyane unagishakira impagarike y'ejo hazaza hacyo!

Ndumva nizera ko hari ibintu bimwe, haba mu myitwarire, imikorere y' ikigo n' ibindi wize mu mahugurwa waba utarashyira mu bikorwa, ahari aho biturutse ku kubura umwanya. Sohora ibitabo by' amahugurwa naho wanditse uhitemo ingingo ebyiri cyangwa eshatu wumva wifuza guhindura noneho ubishyire mu bikorwa ubu.
Dore inama nke:

- ✓ Rebana ubushishozi ibicuruzwa byawe, i mikorere, n' inzira n' imyubakire y' inzego, urebe ahakorerwa uko hasa ese ni he hakenewe guhindurirwa?
- ✓ Ese mw' ibaruramari byifashe bite? Ese hari imikorere aho ushobora kwandika buri faranga risohotse cyangwa ryinjiye? Ese ibaruramari ryawe rikora ku buryo butavunanye?
- ✓ Ese waba uzi abagufitiye cyangwa abo ufitiye umwenda? Ubikurikarana ku buryo bufatika? Ubwisazure bw' ibikoresho buri mu mbonerahamwe y' imari?
- ✓ Ese waba utandukanya ibyawe bwite n' iby' ikigo mu bijyanye n' amafara-nga n' imyitwarire yawe nka nyiri ikigo? Mu bakozi bawe na bene wanyu?

Ku bigo bimaze igihe:

- ✓ Ese Iteganyabirwa ryawe rimeze ite? Riracyajyane n' igihe? Rikeneye kuvugururwa?
- ✓ Icungamari: Ese buri kintu cyose cyaba kiri ku rutonde mu mbonerahamwe y' imari? Umushahara wawe, ubwisazure bw' ibikoresho biramba, ubwizigame bw' ingoboka, n' bindi (ubu nibwo wagombye gukoresha ubwizagame bw' ingoboka niba hari ubwo wateganyije...)
- ✓ Imenyakanishabikorwa: Ese ibicuruzwa byanjye biracyagendanye n' ibyo abaguzi banjye bashaka? Ese ni he hakenewe kuvugururwa? Ese ingamba zanjye zirebana n' abaguzi zirasobanutse? Ese icyiciro cy' abaguzi banjye gihagaze gute?
- ✓ Ikorwa ry' ibicuruzwa: Ese intambwe n' inzira z' imikorere yanjye birandítse, bihuye n' ubumenyi n' ubushobozi bw' abakozi? Nihe nakworoshya imikorere y' ibicuruzwa? Ese ni he jye ubwanjye cyangwa abakozi banjye dukeneye amahugurwa? (Hari amakuru menshi kuri murandasi ushobora kwifashishwa)

> *Ihe intego ya buri cyumweru, buri munsi ukore ikintu kiganisha kuri iyo ntego. Shyiraho gahunda ya buri munsi. Teganya iminsi kugira ngo uzakore udahusha uganisha ku ntego. Iyemeze, iyi minsi uyibyaze umusaruro.*

**Koresha ayo mahirwe ku byawe bwite:**

Hari ubwo waba ufite ibirarane mu byo wagombaga gukora kubera kubura umwanya. Ubu rero bwo wabikora. Nko kwandika amabaruwa, e-mail, wandikira inshuti, gushyira impapuro mu mwanya wazo, n' ibindi. Birashoboka ko hari n' imibanire igomba kubungwabungwa, n' ibindi.

Ungera utekereze ku mibereho n' ibisanzwe bigushishikaza mu buzima bwawe. Ese ibyo wakoraga buri munsi byatumye ushikama, byatumye se ukura mu myumvire, wihesheje agaciro kisumbuye mu nyungu zawe bwite, z' umuryango wawe cyangwa n' iz' abandi? Ese ni iki wumva wakomeza gukora gutyo, ni iki wagombye guhindura kugira ngo ubuzima bwawe bugire agaciro kisumbuyeho?

## Tubifurije ubuzima buzira umuze. Hamagara BPN ugishe inama.



**Isengesho ry' umutuzo:**
"Mana mpa umutuzo wo kwakira ibintu
ntashobora guhindura,
imbaraga zo guhindura ibintu nshobora guhindura,
n' ubushishozi bwo kumenya itandukanirizo."
*Reinhold Niebuhr*